MUTANGUHA Viateur
C/O MINISANTE
B.P. 84 KIGALI

Kigali, le 10/1/1990

Bwana Prezida wa Comite iyobora
Shampiona ya Basket-ball hagati
ya maselire yihariye ya
Prefegitura ya KIGALI

Binyujijwe kuli Bwana Ministri
w'Ubuzima
B.P. 84 KIGALI

MUNYANTWALI François
Secrétaire Général

REPUBLIKA Y'U RWANDA ... MINISTERE DE LA SANTE

Impamvu: Gusobanura iby'Umukinnyi Dr KABAGABO Lambert.

Bwana Prezida,

Duhereye ku kirego cyatanzwe n'Ikipi ya MINIFOP nyuma y'umupira wayihuje n'ikipi ya MINISANTE ku itariki ya 14/12/1989, Kapiteni wayo (MINIFOP) arega ko MINISANTE yaba yarakinishije umukinnyi Dr KABAGABO Lambert mu buryo bunyuranyije n'amabwiriza agenga iyi shampiona;

Tumaze no kubona inyandiko-mvugo y'inama yahuje abagize Komite muyobora kw'italiki ya 14 Ukuboza 1989, inama yemeje ko ikipi ya MINISANTE ihawe forfait;

Dusanze ali ngombwa kubagezaho ingingo zikurikira :

1. Birababaje kubona Komite yarateranye igasuzuma ikibazo, ikipiyareze aliyo yonyine ifite uyihagarariye kuko ntawakwibagirwa ko Kapiteni w'ikipi ya MINIFOP ari nawe Visi-Prezida wa Komite muyobora". Ikipi ya MINISANTE irasanga rero amakipi yombi atarahawe uburyo bumwe bwo kwisobanura akaba ari nayo mpamvu isaba ko niba bishobotse igihe Komite yanyu izongera guterana yiga iki kibazo, yazabimenyeshwa nayo ikohereza uzayihagararira.

2. Ntawabura kandi no gutangazwa n'ukuntu ifatwa ly'ibyemezo lyihutishijwe kuko, nk'uko bigaragazwa n'inyandiko-mvugo yavuzwe haruguru, inama yaba yarateranye kw'italiki ya 14/12/1989

kandi n'umupira wahuje amakipi yombi wari wabaye uwo munsi ukarangira mu masaa kumi n'ebyili za nimugoroba (6h du soir). None se ko twaherutse ikirego cya MINIFOP cyari kituzuye, nk'uko Kapiteni wabo yabyiyandikiye kuri feuille de match y'uwo munsi (de plus amples détails étaient à fournir ultérieurement),cyaba se cyarujujwe mu buhe buryo, bwatumye ibyemezo bikaze nka biriya bihita bifatwa ? Abakinnyi ba MINISANTE rero bagize impungenge none bakaba basanga abagize Komite muyobora bari bakwiye gushakashaka uko shampiona yacu yagenda neza, maze bakaba abavugizi b'amakipi yose.

Nyuma y'ibyo bitekerezo twizeye ko bizagira icyo byongera ku mitunganyilize n'imigendekere myiza y'iyi shampiona, twagirango tugire ibisobanuro dutanga ku byerekeye ikirego cya MINIFOP :

1) Kubera ikirego cya MINIFOP kitari cyuzuye, kandi no mu nyandiko mvugo y'inama mwayoboye kuli 14 Ukuboza 1989, akaba ari ntacyo bongeye kubyo Kapiteni wa MINIFOP yari yanditse kuri feuille de match, twaketse ko MINIFOP yaba yarareze ihereye ku ngingo z'uko Dr KABAGABO Lambert yigisha mu rwunge rw'amashuri rwa Mutagatifu Adreya : nibyo koko Dr Lambert yigisha muri iryo shuri, ndetse n'Iteka rya Prezida wa Repubulika limugira umukozi wa Leta rigomba kuba ariho limugenera kwigisha, niba atari muri EAM-KIGALI (Ecole des Assistants Médicaux de Kigali) kuko ishami ryigisha iby'ubuvuzi rikorera ubungubu muri Groupe Scolaire St André, ariho ryahoze. Ibyo twakeka ko MINIFOP yaba ibiturusha.

Cyakora twe icyadutangaje ni uko MINIFOP yirengagije ko hari andi mabwiriza nayo yagombaga kuba izi neza agenga abaganga bigisha mu bigo by'amashuri yisumbuye. Ayo mabwiliza akaba akubiye mu ibaruwa n°09.04/03/1442 yo kuwa 24/3/1983 yandikiwe abayobozi b'ibigo by'amashuri y'ubuvuzi n'abayobozi b'ibitaro ikaba yaranditswe naba Ministri b'Amashuri mato n'ayisumbuye n'uw'Ubuzima b'icyo gihe.

Bwana Prezida, twasanze ari ngombwa kubohererereza Kopi y'iyo baruwa maze tukanabasaba gusuzumana cyane cyane ubwitonzi tubaziho igika cyayo cya 2 (2 §), mu ngingo zacyo za 1° na 2°.

./..

Ntidushidikanya kandi na gato ko muzibonera namwe ko niba Lambert ari umwalimu muri Groupe Scolaire St André, bitamubuza kuba umukozi wa C.H.K, aho avura, ndetse ibyo turakeka ko n'abakinnyi benshi ba MINIFOP bagombye kuba babizi, kuko ubushobozi bwe muri uwo mwuga bwageze kuri bamwe muri bo.

Ikindi ariko twashakaga kongeraho ni uko Dr Lambert n'ubwo avura muli C.H.K bwose, yashoboraga no kuba yakwikorera animasiyo muri Groupe Scolaire St André nkuko ya mabwiliza (2 § 2°: emploi du temps du personnel) abimwemerera. Cyakora ariko si ko biri kuko Dr Lambert, mbere yuko niyi shampiyona ikinwa ubu itekerezwa, amaze kubyumvikanaho kandi n'Umuyobozi wa Groupe Scolaire St André yahisemo gukorera animasiyo hamwe n'abandi bakozi bose ba C.H.K ni ukuvuga muri MINISANTE. Ndetse tuboherereje na Listi y'abakozi ba MINISANTE banditse mu itsinda rya Basket-ball, mu rwego rw'animasiyo mwirebere namwe ko Dr Lambert atariho.

Bwana Prezida, duhereye kuri izo ngingo zose, dusanga kuba Selire ya MINISANTE ikinisha Dr Lambert KABAGABO ntaho bitandukiriye ibyemezo byafashwe n'Inama rusange yateguraga Shampiona, yateranye kuwa 27/10/1989, ikemeza ko abakinnyi bazakina muri iyo shampiyona bagomba kuba abakozi ba Selire bakinira. Dr Lambert ni umukozi wa MINISANTE, akorera animasiyo muri Minisanté, no kuba ayikinira rero nta gitangaza kirimo.

Bwana Prezida, twagirango twongere kubasaba ko niba ari ibishoboka, igihe muzasuzumira iki kibazo natwe muzadutumire maze ubutabera burusheho gusagamba. Tubaye tubashimiye kandi umutimwa mwiza n'ubushishozi buhagije muzakirana ibisobanuro n'ibyifuzo by'ikipi ya Basket-ball ya MINISANTE.

Responsable w'ikipi ya
Basket-ball muri MINISANTE

Pharmacien MUTANGUHA Viateur

[signature]

<u>Bimenyeshejwe</u>:

- Abagize Komite iyobora Shampiyona ya Basket-ball muri <u>KIGALI</u>.
- Responsable w'ikipi ya Basket-ball ya MINIFOP

K/L.
REPUBLIQUE RWANDAISE.
MINISTERE DE L'ENSEIGNEMENT PRIMAIRE ET SECONDAIRE
B.P. 622 K I G A L I.-

Kigali, le 24 Mars 1983.
N° 09.04/03/1442

Objet: Situation statutaire et professionnelle des médecins affectés comme professeurs des cours médicaux dans l'enseignement secondaire.

Directions d'Econe de Formation Paramédicale (TOUTES)

Directions de Centres Hospitaliers (TOUTES)

Nous avons l'honneur d'appeler votre particulière attention sur les nouvelles mesures destinées à garantir une meilleure formation de nos agents de santé.

Ces mesures sont dictées à la fois par des considérations d'efficacité pédagogique et par le souci de la formation déontologique de nos futurs infirmières et assistants médicaux. Elles devront être portées à la connaissance du personnel concerné de votre ressort.

1° Les médecins-professeurs feront partie de l'équipe des médecins de l'hôpital d'application" de leur école et continueront d'y exercer leur métier de soigner les malades. Ils seront donc soumis au règlement interne de l'hôpital.

2° Les médecins-professeurs dépendront de l'autorité conjointe de la Direction de l'Ecole et de la Direction de l'hôpital. Les deux directions se concerteront notamment pour fixer les emplois du temps de ce personnel et pour évaluer ses prestations dont ils transmettront annuellement le rapport au Ministère de l'Enseignement Primaire et Secondaire avec copie pour information au Ministère de la Santé Publique.

3° Le médecin-professeur sera dispensé des services de garde pour mieux préparer et assurer ses cours. Toutefois, l'esprit de collaboration et la déontologie de la profession médicale (dévouement sans calcul à la vie humaine) lui imposent de rester à la disposition de l'équipe médicale en cas de grave nécessité.

4° Etant donné les contraintes de la dualité complémentaire de leur profession, les médecins-professeurs garderont les avantages de leurs collègues de la Santé Publiqué.

5° Le Ministre de la Santé Publique pourra toujours désigner l'un ou l'autre médecin affecté dans son Département pour dispenser des cours dans les écoles de formation paramédicale.

Son horaire à l'hôpital sera alors allégé en conséquence mais ses heures de cours ne seront pas autrement rétribuées. Pour ce personnel, le Directeur de l'Ecole fera un rapport annuel d'activités au Ministère de la Santé Publique avec copie au Ministère de l'Enseignement Primaire et Secondaire.

Sé/ Colonel Aloys NSEKALIJE
Ministre de l'Enseignement Primaire et Secondaire.

Sé/Ildephonse MUSAFILI.
Ministre de la Santé Publique.

Copie pour information à:
-Son Excellence Monsieur le Président de la Republqie Rwandaise - K I G A L I.-
-Monsieur le Ministre de la Fonction Publique et de l'Emploi - KIGALI.-
-Monsieur le Ministre des T.P.KIGALI.
-Monsieur le Ministre des Finances K I G A L I.-

# ANIMATION

Groupe : BASKET-BALL

| Nom et Prénom | Service | Présence | Absence | Motif d'absence |
|---|---|---|---|---|
| MUSONERA Boniface | S.G. | | | |
| UWARAMBA Christine | D.G.Pers | | | |
| NDIKUBWIMANA Benoît | D.G.Pers | | | |
| KOLO Christophe | S.G | | | |
| BIZIMANA Aloys | S.G. | | | |
| KANIMBA Innocent | PNLS | | | |
| MUKABATSINDA Immaculée | D.G.C.A. | | | |
| MUKARUGWIZA Immaculée | S.G. | | | |
| NIYIGENGA Anastasie | C.R.R. | | | |
| KABANDA Alfred | C.R.R. | | | |
| MUSONI Joseph | C.R.R. | | | |
| MUKAYUHI Triphonie | C.H.K. | | | |
| UWIMANA Epiphanie | C.H.K. | | | |
| MUKAMUGANGA Chantal | C.H.K. | | | |
| Dr. SEBIZIGA Aloys | C.H.K. | | | |
| RWANDAKWE Pascal | C.H.K. | | | |
| BIZIMUNGU J.B. | C.H.K. | | | |
| MUKAMISHA Léonille | C.H.K. | | | |
| KABAGABO Lambert | C.H.K. | | | |
| MUTANGUHA Viateur | D.G.SA | | | |
| MUKAMUDENGE Immaculée | S.G | | | |
| MPAYIMANA Frédéric | R.S | | | |
| KAYINAMURA Callixte | P.SIDA | | | |
| M.NGOGA Chantal | C.H.K. | | | |
| | | | | |
| | | | | |